

## SISITEMU NGENDERWAHO W'IGIPIMO CYA COVID 19: **ICYATSI- ORANGE-UMUTUKU.**

**Icyemezo cyu rukingo kizagufasha gucunga neza ukoresheje ino sisitemu nshya.**

1: Ahantu henshi bazasaba kubona icyemezo cy'urukingo mbere yuko winjira mu nyubako zaho, gufata ikawa muri resitora, kujya ahakorerwa siporo ngorora ngingo , gukina imikino ,guteranira hamwe mubikorwa rusange nibindi.

2: Munzego zose,icyatsi, orange,nu mutuku.Ubucuruzi, amaduka nibikorwa rusange bizahora bifunguriwe kubantu bikingije. Ibi bivuze yuko wakomeza ubuzima busanzwe mugihe cya Orange numutuku niba ufite icyemezo cy'urukingo.

3: Intambwe zijyanye no ku downloadinga(gukuramo) icyemezo cyinkingo kuri terefone yawe ngendanwa muri dokima zitandukanye.

4: cyangwa ushobora kubikora ukoresheje iyi link <https://covid19.govt.nz/covid-19-vaccines/getting-proof-of-your-vaccination/>

5: Kubantu bafite imyaka hagati ya 12 na 15 nabantu badafite terefone ngendanwa bashobora kubona icyemezo cy'urukingo kurubuga rwa ministeri yubuzima <https://www.health.govt.nz/our-work/diseases-and-conditions/covid-19-novel-coronavirus/covid-19-vaccines/covid-19-requesting-proof-vaccination> amabwiriza ari muri dokima itandukanye.

6: Ikindi, Usibye kwerekana icyemezo cyinkingo, ugomba gukomeza KUKORESHA QR scanning no kubika IMIMENYESO BYAHO WANYUZE.

### **ICYATSI-NTA COVID-19 NYINSHI IHARI MURI NZ.**

- Ibi bivuze ko hari bamwe mu baturage bafite covid-19. Hari bamwe bahagera bavuye mu mahanga rimwe na rimwe
- Rimwe na rimwe hari bayifanye mu mahanga
- Uzakenera kwerekana icyemezo cyinkingo kugirango ubashe gukora ibintu bishi aho uturiye.

### **NIGUTE USHOBORA KUGUMA WIRINDA MU CYATSI.**

- Bika inyandiko yerekana aho ujya yanditse cyangwa QR code yerekana ahantu hose.
- Gukomeza kwambara udupfakamunwa imbere munzu, urugero: mu maduka nahantu hafunganye.
- udupfakamunwa mugihe uri muri murungendo mundenge).

### **AHO USHOBORA KUJYA MU CYATSI.**

- Ibikorwa rusange – ubwogero rusange, amasomero, ibibuga by'imikino,

- Amaduka – guhaha
- Aho bakorera – kujya ku kazi no gusura ahakorerwa akazi
- *Ahatangirwa amasomo-Ibiburamwaka, Abanza, Ayisumbuye, Kaminuza, Ayingisha imyuga, Ayigisha icyongereza n’Ahandi*
- Ibikorwa rusange runaka – ibi bizaba ibitaramo, amarushanwa akomeye y’imikino, iminsi mikuru, imurika gurisha.
- Nta mbibi z’uturere – ushobora gutembera muri New Zealand uko ubyifuza.

**“Icyemezo cy’uko wikingije cyizakoreshwa ahantu henshi mu CYATSI”**

**Ahantu HAKORESHA icyemezo cy’inkingo:** ntihazabaho imipaka yo kwakira abantu babagana (café na restora), guterana (ubukwe, gushyingura, tangihanga, insengero, marae), amakoraniro manini (muri salle na hanze), hazabaho imipaka k’ubucuruzi bwegeranye (urugero, abatunganya imisatsi) n’ ahakorerwa siporo ngorora ngingo.

**Ibi bivuze ko uzacyenera kwerekana icyemezo cy’inkingo kurigirango ujye aho hantu hanyuma winjire mur’ibyo bikorwa.**

**Ahantu HADAKORESHA ibyemezo by’inkingo:** hazabaho imipaka kubucuruzi, amashyirahamwe na za serivisi: umubare ntarengwa ni 100, abantu bagomba kwicara no gukomeza kubahiriza intera ya metero imwe.

**Ibi bivuze ko utazacyenera kwerekana icyemezo cy’inkingo kugira ngo ujye ahantu kandi winjire mur’ibi bikorwa hamwe n’abantu batageze kw’ijana (100).**

**ORANGE – IMIBARE IRI KWIYONGERA**

**Ibi bishyira igitutu ku nzego zita k’ubuzima. Hashobora kubaho ibyago byiyongera kubantu bafite integee ike bitewe n’imyaka yabo cyangwa ibibazo by’ubuzima. Uzacyenera kwerekana icyemezo cy’inkingo kugira ngo ukora ibintu byinshi aho uturiye.**

**NI GUTE USHOBORA KUGUMA WIRINDA MURI ORANGE.**

.Bika inyandiko yerekana aho ujya yanditse cyangwa QR code yerekana ahantu hose wageze . Gukomeza kwambara udupfakamunwa imbere munzo urugero: mu maduka nahantu hafunganye. .udupfakamunwa mugihe uri murugendo mundenge), imodoka zitwara abantu mu buryo bwa rusange, amahuriro rusange, muri za taxi voiture – gushishikariza kukambara aho ariho hose.

**AHO USHOBORA KUJYA MURI ORANGE.**

.Ibikorwa rusange – ubwogero rusange, amasomero, ibibuga by'imikino bizaba bifunguye n'umubare ntarengwa w'abantu hakurikijwe intera ya metero 1

.Amaduka – guhaha - bizaba bifunguye n'umubare ntarengwa w'abantu hakurikijwe intera ya metero 1

.Aho bakorera – kujya ku kazi – aho ukorera hazaba hafunguye

. *Ahatangirwa amasomo-Ibiburamwaka, Abanza, Ayisumbuye, Kaminuza, Ayingisha imyuga, Ayigisha icyongereza n'Ahandi* bizaba bifunguye hakurikuswe n'amabwiriza yashyizweho yo kwirinda: kongera itoke na muti wicha utusimba, udupfukamunwa, kuzinga metero 1 hagatiyanyu

. Ibikorwa rusange runaka – ibi bizaba ibitaramo, amarushanwa akomeye y'imikino, iminsi mikuru, imurika gurisha – bizakomeza no kuyobora ku mubare w'abantu no guhana intera.

.Nta mbizi z'uturere – ushobora gutembera muri New Zealand uko ubyifuza.

**Ahantu HAKORESHA icyemezo cy'inkingo:** ntihazabaho imipaka yo kwakira abantu babagana (café na restora), guterana (ubukwe, gushyingura, tangihanga, insengeru, marae), ibikorwa bikomeye (muri salle no hanze), ubucuruzi bwegeranye (urugero, abatunganya imisatsi) n' ahakorerwa siporo ngorora ngingo.

**Ibi bivuze ko uzacyenera kwerekana icyemezo cy'inkingo kurigirango ujye aha hantu hanyuma winjire mur'ibyo bikorwa.**

**Ahantu HADAKORESHA ibyemezo by'inkingo.**

**IBIBUJWE:** kwakira abashyitsi, kutanga serivisi zitaba kwegerana, guterana kugera kubantu 50 bishingiye kuri metero 1.

**Gufunga no kudakora:** Ibirori(murugo no hanze), ubucuruzi busaba kwegeranye, (urugero, abatunganya imisatsi) nahakorerwa siporo ngorora ngingo.

**Ibi bivuze ko UTAZAKENERA kwerekana icyemezo cy'urukingo aha natu habiri.**

**UMUTUKU-INGAMBA ZO KURINDA ABANTU NA SISITEME Y'UBUZIMA.**

**Ibi bishyira igitutu ku nzego z'ubuzima. Hashobora kubaho ibyago byiyongera kubantu bafite itege ike bitewe n'imyaka yabo cyangwa ibibazo by'ubuzima. Uzacyenera kwerekana icyemezo cy'inkingo kugira ngo ukora ibintu byinshi aho uturiye**

**NI GUTE USHOBORA KUGUMA WIRINDA MU MUTUKU.**

- Bika inyandiko yerekana aho ujya yanditse cyangwa QR code yerekana ahantu hose wageze
- Gukomeza kwambara udupfakamunwa imbere munzo, urugero: mu maduka nahantu hafunganye.
- udupfakamunwau mugihe uri murugendo mundenge), imodoka zitwara abantu mu buryo bwa rusange, amahuriro rusange, muri za taxi voiture – gushishikariza kukambara aho ariho hose.

**AHO USHOBORA KUJYA MU MUTUKU.**

- Ibikorwa rusange – ubwogero rusange, amasomero, ibibuga by'imikino bizaba bifunguye n'umubare ntarengwa w'abantu 100 hakurikijwe intera ya metero 1
- Amaduka – guhaha - bizaba bifunguye n'umubare ntarengwa w'abantu hakurikijwe intera ya metero 1
- Aho bakorerwa – barashishikarizwa gukorera mu rugo
- *Ahatangirwa amasomo-Ibiburamwaka, Abanza, Ayisumbuye, Kaminuza, Ayingisha imyuga, Ayigisha icyongereza n'Ahandi* bizaba bifunguye hakurikiswe n'amabwiriza yashyizweho yo kwirinda. Hand sanitizers, udupfukamunwa, n'intera ya metero 1.
- Ibikorwa rusange runaka – bizemezwa hashingiwe ku mubare w'abantu bakwakirwamo.
- Imbibi z'uturere zishobora gukurikizwa.

**Icyemezo cy'urukingo kizakoreshwa ahantu mu MUTUKU.**

**Ahantu HAKORESHA icyemezo cy'urukingo hazabaho ibizakumirwa**

**Hazafungura n'abantu 100, hakurikijwe intera ya metero 1** - : kwakira abantu (café na restora), guterana (ubukwe, gushyungura, tangihanga, insengero, marae), amakoraniro manini (muri salle na hanze), ubucuruzi busabakwegeranye (urugero, abatunganya imisatsi) n' ahakorerwa siporo ngorora ngingo.

**Hazafungurwa hakurikijwe amabwiriza y'ubuzima yashyizweho:** serivise zisabakwegerana urugero(abatunganya imisatsi)

**Inkingo zikenewe kugira ngo hatangwe amasomo:** hakurikijwe intera ya metero 1.

**Ibi bivuze ko uzacyenera kwerekana icyemezo cy'inkingo kurigirango ujye aho hantu hanyuma winjire mur'ibyo bikorwa mu MUTUKU.**

**Ahantu HADAKORESHA ibyemezo by'inkingo:**

**IBIBUJWE:** kwakira abashyitsi-serivisi zisaba kwegerana, guterana kugera kubantu 10 bishingiye kuri metero 1.

**Gufunga no kudakora:** Ibirori(murugo no hanze), ubucuruzi busaba kwegerana,(urugero,abatunganya imisatsi) nahakorerwa siporo ngorora ngingo.

**Ibi bivuze ko UTAZAKENERA kwerekana icyemzo cy'urukingo aha natu habiri mu MUTUKU.**